17 JUIL 2020

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Kigali,
N° 20/..49.60..../DA/HR/2020

**MINISITERI Y'UBUZIMA**
**P.O.BOX 84 KIGALI**
**www.moh.gov.rw**

**Bwana NIYOYITA Hussein Zoubair**
**Tel: 0788415742/0789480730**
**E-mail: niyohussein76@yahoo.fr**
**AKARERE KA GICUMBI**

Bwana Houssein Zoubair,

**Impamvu: Kwirukanwa burundu mu bakozi ba Leta**

Nshingiye ku ibaruwa N°1198/19.23 yo kuwa 17/07/2020 Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo yandikiye Minisiteri y'Ubuzima itanga inama ku gihano gikwiranye n'amakosa wakoze ajyanye no kwivanga mu micungire ya Koperative y'Abajyanama b'Ubuzima yitwa Nkomeyekubuzima, gutanga dosiye y'akazi ikubiyemo icyangombwa cya **Equivalence** kitatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha arirwo **High Education Council (HEC)**, gutinda kumenyekanisha iyibwa ry'ipikipiki (Moto) y'Ikigo Nderabuzima cya Gisiza wahoze ubereye Umuyobozi;

Nshingiye kandi ku Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo kuwa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15, ahateganywa ihanwa ry'andi makosa umukozi wa Leta ashobora gukora ariko atarateganyirijwe ibihano muri iri Teka, n'ingingo ya 7 agace ka gatatu (3) n'aka gatandatu (6) ahateganywa ko iyo ikosa ryakozwe ryateye ingaruka mbi zibangamira inyungu rusange ku buryo budasanzwe no kuba ikosa ryakozwe n'umukozi ushinzwe kuyobora abandi biba impamvu zongera uburemere bw'ikosa;

Nshingiye na none ku ibaruwa N°20/0236/MIN/2020 yo kuwa 20/01/2020 ikumenyesha ko uhagaritswe by'agateganyo mu kazi wakoraga mu Kigo Nderabuzima cya Gisiza kugirango hakorwe iperereza ryimbitse ku makosa wakoze;

Ndakumenyesha ko wirukanwe burundu mu bakozi ba Leta uhereye kuwa 20/01/2020.

Ugire amahoro.

**Dr. Tharcisse MPUNGA**
**Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ubuvuzi bw'Ibanze**

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubuzima
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta
- Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi
- Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi
- Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro bya Byumba

Scanned with CamScanner